AMWE MU MATARIKI Y'INGENZI YARANZE INAMA NKURU YA KILIZIYA YABEREYE I VATIKANI KU NCURO YA KABIRI

Ku itariki ya 11 Ukwakira 1962 i Vatikani Papa Yohani wa XXIII yatangije ku mugaragaro Inama Nkuru ya Kiliziya. Iyo Nama yaje gusozwa na Papa Pawulo wa VI ku itariki ya 8 Ukuboza 1965. Dukesha iyo Nama inyandiko cumi n'esheshatu (16) zikubiyemo amahame-remezo n'inyigisho Kiliziya igomba kugenderaho muri ibi bihe turimo.

Angelo Giuseppe Roncalli wavutse ku itariki ya 25 Ugushyingo 1881, yatorewe kuba Papa yitwa Yohani wa XXIII kuya 28 Ukwakira 1958, yimitswe kuya 4 Ugushyingo 1958. Uyu niwe waje gutungura abantu b'isi yose, kuya 25 Mutarama 1959, ashyira ahagaragara igitekerezo cye cyo gutinyuka guhamagaza Inama Nkuru ya Vatikani! Nyuma y'icyo cyifuzo hakurikiyeho igihe cyo kwitegura kwinjira mu Nama nyirizina.

Guhera ku itariki ya 5 Kamena 1960 kugeza kuya 11 Ukwakira 1962 cyari igihe rero cyo kwitegura Inama bya hafi. Muri iki gihe, kuri Noheli ya 1961, Papa yatangaje ku mugaragaro Urwandiko Humanae salutis ruhamagaza Inama. Kuya 2 Gashyantare 1962, mu nyandiko Consilium hemejwe bidasubirwaho itariki Inama yagombaga gutangiriraho: iya 11 Ukwakira 1962.

Inama Nkuru ya Vatikani igabanyijemo ibyiciro bine:

-Icya mbere: 11 Ukwakira 1962 kugeza 8 Ukuboza 1962. Muri iki cyiciro harimo umuhango wo gufungura Inama ku mugaragaro n'imbwirwaruhame ya Papa Gaudet Mater Ecclesia (Kiliziya Umubyeyi wacu irishimye). Mu Ijambo rye, Papa yatinze cyane ku cyifuzo cy'uko Inama Nkuru ya Vatikani yakwibanda ku ikenurabushyo mu mwanya wo gutinda cyane mu byerekeye amahame. Kiliziya ntikeneye gusa gusubiramo inyigisho cyangwa amahame ahubwo ihamagariwe gushakisha uburyo bwo kwigisha ubutumwa bwa Kristu muri iyi si y'iki gihe.

Kuya 13 Ukwakira 1962, imirimo nyirizina yaratangiye. Bahereye ku kibazo cya Liturujiya. Asoza igice cya mbere, kuya 8 Ukuboza 1962, Yohani wa XXIII yagaragaje icyifuzo cye cy'uko Inama yasozwa byibuze kuri Noheli 1963.

Nyuma y'icyiciro cya mbere haje akaruhuko gategura icya kabiri guhera kuya 9 Ukuboza 1962 kugeza kuya 29 Nzeli 1963. Muri ako karuhuko habayemo ibintu byinshi twavuga nk'Ibaruwa Mirabillis illis Papa atanga amabwiriza ngenderwaho mu gukomeza Inama; Ibaruwa, Pacem in Terris yo kuya 11 Mata 1963.

Nyamara, ku munsi wa Pentekosti, tariki ya 3 Kamena 1963, Papa Yohani wa XXIII yaratabarutse! Hanyuma, kuya 21 Kamena 1963, Pawulo wa VI, aratorwa. Bukeye bw'aho, Papa mushya ahita agaragaza icyifuzo cyo gukomeza Inama. Ni muri urwo rwego rero kuya 13 Nzeli 1963, yashyize ahagaragara amategeko mashya agomba kugenga Inama.

-Icyiciro cya kabiri: 29 Nzeli 1963 kugeza 4 Ukuboza 1963. Afungura icyo cyiciro, kuya 29 Nzeli 1963, Pawulo VI yashimangiye icyifuzo cy'uko Inama yakwibanda cyane ku Ikenurabushyo. Ku bw'ibyo, yifuzaga ko yazagera kuri ibi bikurikira: Gusobanura neza kamere nyayo ya Kiliziya n'umwanya abepiskopi bafite muri iyo Kiliziya. Kuvugurura Kiliziya, kugarura ubumwe hagati y'abakristu no gusaba imbabazi ku ruhare Kiliziya yaba yaragize mu bwivangure; gutega amatwi isi y'iki gihe.

Kuya 4 Ukuboza 1963, abari mu Nama bemeje Inyigisho-shingiro kuri Liturujiya, Sacrosanctum Concilium ndetse n'Inyandiko ku buryo bwemewe kwifashishwa mu Itumanaho, Inter Mirifica.

Mu karuhuko, kuya 25 Mutarama 1964, Pawulo VI yatangaje inyandiko Sacram liturgiam ku Ivugurura rya Liturjiya. Kuri Pentekosti, kuya 17 Gicurasi 1964, Papa yashyizeho ubunyamabanga bushinzwe umubano mwiza n'amadini adashingiye kuri Kristu. Mbere yo gutangira icyiciro gikurikiyeho, Papa yatangaje Inyandiko Ecclesiam suam, kuya 6 Kanama 1964.

-Icyiciro cya gatatu: 14 Nzeli kugeza 21 Ugushyingo 1964. Ku itariki ya 21 Ugushyingo 1964 batangaje inyigisho ku Bumwe bw'amadini, Impuzamatorero, Unitatis Redintegratio, kuri Kiliziya zibarizwa mu gice cy'Iburasirazuba, Orientalium Ecclesiarum, no kuri Kiliziya «Rumuri rw'amahanga», Lumen Gentium. Asoza iki cyiciro, Papa yemeje ko Mariya ari Umubyeyi wa Kiliziya, Mater ecclesiae. Mbere yo kwinjira mu cyiciro cya kane, kuya 3 Nzeli 1965, Papa yatangaje inyandiko kuri Ukaristiya, Mysterium Fidei.

-Icyiciro cya kane: 14 Nzeli kugeza 8 Ukuboza 1965. Atangiza icyiciro cya kane, kuya 14 Nzeli 1965, Pawulo VI yashyizeho Sinodi y'abepiskopi, urwego ngishwanama rwa Papa; bukeye bw'aho atangaza inyandiko, Apostolicam Sollicitudo, ishyiraho Sinodi y'abepiskopi.

Ku itariki ya 28 Ukwakira 1965, Inama ya Kiliziya yemeje inyigisho zikurikira: ivuga ku murimo w'abepiskopi mu ikenurabushyo, Christus Dominus, , ivuga ku buzima bw'abiyeguriye Imana, Perfectæ Caritatis; uburere bw'abazaba abapadri, Optatam Totius, uburezi n'uburere bwa gikristu, Gravissimum Educationis; imibanire hagati ya Kiliziya n'amadini adashingiye kuri Kristu, Nostra Aetate. Ku itariki ya 18 Ugushyingo 1965 batangaje inyigisho ijyanye n'umurimo wa gitumwa w'umulayiki muri Kiliziya, Apostolicam Actuositatem, n'inyigisho-remezo ku Byanditwe bitagatifu, Dei Verbum.

Kuya 7 Ukuboza 1965, abari mu Nama batangaje inyigisho-remezo ivuga ku mwanya wa Kiliziya muri iyi si y'iki gihe, Gaudium et Spes, inyigisho ivuga ku murimo wa Kiliziya wo kwamamaza Inkuru nziza, Ad Gentes, n'indi ku buzima n'ubutumwa bw'abapadri, Presbyterorum Ordinis, iya nyuma ku bwisanzure mu by'Iyobokamana, Dignitatis humanae.

Inama yashojwe ku mugaragaro ku itariki ya 8 Ukuboza 1965. Uwo muhango waranzwe n'ubutumwa abari mu Nama bageneye abantu b'isi yose, imbwirwaruhame ya Papa Pawulo VI n'inyandiko In Spiritu Sancto, isoza Inama.

Inama Nkuru ya Vatikani yarashojwe ariko ubu iracyakomeza kuko turi mu bihe by'ishyirwa mu bikorwa by'imyanzuro yayo. Nyuma y'imyaka irenga mirongo itanu twebwe abantu b'iki gihe ni ayahe masomo tuvoma mu Nama Nkuru ya Vatikani? Ni uwuhe murage iyi Nama yadusigiye?

Abbé Léonidas NGARUKIYINTWARI,

Prêtre diocésain de NYUNDO